

Imiterere y'ibirayi


Ikirayi kiri mu muryango umwe n'itabi, inyanya, intoryi, n'urusenda. Si byiza gutera ibirayi aho usaruye ibyo bihingwa.

Ikirayi cyerera mu butaka nk'ibijumba, imyumbati, amateke n'ibikoro.

Ikirayi kigizwe n'ibice byinshi:

ibirayi, imishoro, imizi, uruti, amababi n'indabo.

Ibyo bice byose bifite akamaro kabyo.



Ibiranga amwe mu moko y'ibirayi bihingwa mu Rwanda

UBWOKO	IBIBURANGA				UKO BWHANGANIRA INDWARA Y'IMVURA
	IGIHE BYERERA (Iminsi)	UMUSARURO (Toni kuri hegitari)	IGIHE BIMARA BITARAMERA (Iminsi)	UKOBWIHANGANIRA INDWARA YA KIRABIRANYA	
Sangema	110-120	20-25	100-120	Burayihanganira	Burayihanganira
Kirundo	100-110	20-25	30-50	Ntibuyihanganira	Ntacyo ibutwara
Mabondo	100-110	20-25	50-60	Burayihanganira	Ntacyo ibutwara
Victoria	100-120	20-25	30-50	Ntibuyihanganira	Ntibuyihanganira
Kuruza	120-130	20-25	20-30	Burayihanganira	Burihangana buke
Gikungu	100-120	30-35	70	Ntibuyihanganira	Ntacyo ibutwara
Kigega	100-120	35-40	70	Burayihanganira	Ntacyo ibutwara
Kinigi	100-120	25	120	Burayihanganira	Burayihanganira

Gutegura umurima w'ibirayi

Ni ubuhe butaka buberanye n' igihingwa cy'ibirayi?

Ibirayi biterwa mu butaka bufite isi ndende, buseseka, butuma umwuka utemberamo, kandi bufite ubusharire buke.

Umurima w'ibirayi utegurwa mu buryo bukurikira:

- Guhinga bwa mbere (kurima) mu gihe ahantu harajwe.




- Iyo utaraje umurima hinga neza ukura ibyatsi bibi mu murima wawe.

- Guhinga bwa kabiri (gutabira) bagiye gutera




- Nyuma ringaniza umurima wawe mbere yo guca imirongo cyangwa imyobo.
- Cukura imyobo cyangwa uce imirongo ifite hagati ya **centimetero 5** na **centimetero 10** z'ubujyakuzimu.



Gufumbira

- Mu murima w'ibirayi hakoreshwa ifumbire iboze neza kandi yumutse.
- Ifumbire ishyirwa mu mirongo cyangwa mu myobo.
- Bashyiramo kuva kuri Toni 20 kugeza kuri Toni 30 z'ifumbire y'imborera kuri hegitari imwe.
- Bongeramo ifumbire mvaruganda ya **NPK17.17.17** ingana na **Kilogarama 300** kuri **hegitari imwe**, cyangwa bagakoresha **kilogarama 150** mu gihe bagiye gutera na **kilogarama 150** mu gihe cy'isukira (kuhira).




Mu butaka busharira (Nyamagabe, Nyaruguru, n'ahandi), babanza gushyiramo ishwagara (ibyumuweru 2 mbere yo gutera) hagati ya toni 2,5 na toni 5 kuri hegitari imwe, ikamaramo ibihembwe 4 by'ihinga.

Imbuto y'ibirayi



- Igomba kuba itarwaye,
- Kuba idafite inenge iyo ariyo yose,
- Ifite ubunini buriganiye buri hagati ya **mirimetero 25 na mirimetero 55** z'umurambararo,
- Kuba yarameze neza ifite imimero ihagije (kuva kuri 3 kugera kuri 4).
- Igomba kuba yaratoranyijwe kandi yemewe.
- Wayigura ku mutubuzi cyangwa umucuruzi ubyemerewe mu karere.




*Irinde gutera imbuto zifite
ubusembwa ubwo ari bwo
bwose.*

Icyitonderwa : Ugomba gusimbura imbuto byibura
nyuma y'inshuro 4 ukoresha imbuto
yakomotse kuya 1.



Igihe cyiza cyo gutera ibirayi:
 Nzeli mu gihembwe cy'ihinga cya A
 na Werurwe mu gihembwe cy'ihinga
 cya B bitewe n'uko imvura igwa.



- Batera hagati ya toni 2 na toni 2,5 z'imbutu bitewe n'umubyimba w'ikirayi kuri hegitari imwe .
- Batera ku ntera ya **centimetro 80** hagati y'imirongo (uva ku murongo umwe ujya ku wundi) no ku ntera ya **centimetro 30** ku mirongo (uva ku kirayi kimwe ujya ku kindi).
- Bashyira ikirayi kimwe mu mwobo bashyizemo ifumbire, NPK 17-17-17 n'agataka gake ku buyakuzimu twavuze ruguru ,imimero ireba hejuru maze bakarenza itaka hejuru y'ikirayi.

GUFATA NEZA IBIRAYI MU MURIMA

(Kubikenura cyangwa kubikorera) :

Kubagara (Kumenera) : bikorwa nyuma y'ibyumweru 2 kugeza kuri 3 ibirayi bimaze kumera bifite nka **centimetero 10** z'uburebure ugereranije.



Icyitonderwa: Igihe ubagara wirinda gukomeretsa imizi iza ku birayi bateye.

Gusukira (Kuhira): bikorwa ibirayi bifite nka centimetero 20 z'uburebure ugereranije.



Gusukira neza bifasha ibirayi gukura neza, birinda ikirayi kiri mu butaka kugira ibara ry'icyatsi no gufatwa n'indwara y'imvura(milidiyu).

